Icyizere

Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG)

Kwibuka25 :Kwibuka Twiyubaka (Remember-Unite-Renew)

Bamwe mu rubyiruko rwari rwasuye ababyei bagizwe incike na Jenoside (Intwaza) bifotozanyije n'abo babyeyi nyuma yo gukora gukora ibikorwa bitandukanye birimo isuku no kubaka uturima tw'igikoni mu ngo z'amasaziro zizwi nka "Impinganzima" zatujwemo aba babyeyi. Kuri iyi foto yo hejuri ni urubyiruko rwari rwasuye ababyeyi mu Impinganzima ya Bugesera i Nyamata

Gisohoka buri kwezi

No 67, Gashyantare 2019

www.cnlg.gov.rw / Po Box 7035 Kigali / Email: administrator@cnlg.gov.rw

Ibirimo

Urubyiruko rwasabwe gukosora amateka yasizwe na bagenzi babo bijanditse muri Jenoside ..urup 3

Itegurwa rya Jenoside muri Ruhengeri: Gutanga imbunda mu mitwe yitwara gisirikare no mu baturage....*urup 4&5*

Abanyeshuri bo muri Kaminuza ya Huron muri Kanada basuye CNLG.....urup 6&7

Abanyeshuri bo muri Kayonza Community Integrated Polytechnic basabwe kubera abandi urugero mu kwitabira ibikorwa byo kwibuka... urup 8

Intwza zasabye urubyirujko kurinda ibyo Igihugu cyagezeho

...urup 9, 10&11

Abanyeshuri bo muri PIASS bashishikarijwe kugira uruhare mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi..urup 12

Abayobozi n'abakozi ba UR_CAVM basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Nyange

urup11&12

Kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi bizibanda ku rubyiruko

...urup 14&15

CNLG yakanguriye abiga mu mashuri yisumbuye kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside..urup 16

Gutegura lisiti z'Abatutsi bagomba kwicwa: kimwe mu bikorwa byabanjirije ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Ruhengeri.... urup 17&18

Komeza usome n'izindi nkuru nyinshi

Gukoresha inyito nyayo ya Jenoside yakorewe Abatutsi bizafasha mu kurwanya abayihakana

Ku itariki ya 26 Mutarama Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye yafashe umwanzuro wo gukosora inyito wari warahaye itariki ya 7 Mata, ukitwa "Umunsi Mpuzamahanga wo kuzirikana kuri Jenoside yakorewe Abatusti mu Rwanda", aho kuba "Umunsi Mpuzamahanga wo kuzirikana kuri Jenoside mu Rwanda" nk'uko byari byaremejwe mu mwanzuro umwanzuro 58/234 wo kuwa 23 Ukuboza 2003.

Ibi bizafasha mu guhanganan'abajyaga bishingikiriza inyito irimo urujijo bagakomeza umugambi wabo mubisha wo guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi bakoresha inyito zipfobya .

Hari abajyaga bitwaza iyi nyito itagaragaza abakorewe Jenoside abo ari bo ugasanga barabeshya ngo habayeho jenoside ebyiri cyangwa bamwe ugasanga bavuga ngo ni isubiranamo ry'amoko ,ubwicanyi hagati y'Abahutu n'Abatutsi ndetse n'izindi nyito zigamije gupfobya ndetse no guhakana ko mu Rwanda habaye Jenoside mu 1994 kandi igakorerwa Abatutsi nk'uko byanemejwe n'urugereko rw'ubujurire muri TPIR kuwa 16 Kamena 2006.

Ibimenyetso byinshi bigaragaza neza ko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe igihe kirekire ikanageragezwa mu bice bitandukanye by'igihugu mu bihe bitandukanye nko mu Bugesera (1992), Gisenyi (Kibirira 1990), Ruhengeri (Abagogwe mu 1991).

Ni ngombwa rero gukoresha inyito nyayo igaragaza abakorewe jenoside kugira ngo abirirwa babunza ibinyoma bahakana ndetse banapfobya jenoside yakorewe Abatutsi badakomeza gufatira ku nyito iteje urujijo bagakomeza gukwirakwiza ibinyoma byabo mu badafite amakuru ahagije ku mateka y'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ubwanditsi

Urubyiruko rwasabwe gukosora amateka yasizwe na bagenzi babo bijanditse muri Jenoside

Abanyeshuri bo muri Kaminuza ya Gitwe bakurikira ikiganiro ku kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside

Urubyiruko rwasabwe kubaka amateka mashya y'ubumwe , ubwiyunge no kwigira mu rwego rwo gukosora amateka mabi yasizwe n'urubyiruko bagenzi babo bagize uruhare mu gukora Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ibi babisabwe kuwa 13 Gashyantare 2019 na Dr Joseph Rwandema, Umuyobozi mukuru wungirije ushinzwe ubushakashatsi n'amasomo muri Kaminuza ya Gitwe ubwo yafunguraga ikiganiro cyahawe abarimu n'abanyeshuri bo muri iyi Kaminuza ku kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

Iki kiganiro cyitabiriwe n'abanyeshuri bagera kuri 288 ndeste n'abarimu babo kiri muri gahunda y'ubukangurambga bwa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) bugamije gukangurira abantu mu ngeri zinyuranye kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside mu rwego rwo kuyirandura.

Cyatanzwe na Ayinkamiye Benoite, umukozi wa CNLG ushinzwe gahunda z'uburezi no gukumira jenoside .

Muri iki kiganiro, Ayinkamiye yibanze ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, uko yateguwe, uko yashyizwe mu bikorwa, ingaruka zayo ndetse n'uko abayiteguye n'abayikoze bakomeje kuyihakana no kuyipfobya ari nako bakwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside.

Yashyikirije kandi ubuyobozi bw'iyi Kaminuza kopi 25 z'igitabo "Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda" cyanditswe na Dr Bizimana Jean-Damascène, Umunyambanga Nshingwabikorwa wa CNLG.

Mu mwanya wo kubaza ibibazo, baba abanyeshuri ndetse n'abarimu bagarutse ku myitwarire mibi yaranze urubyiruko rwagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Banagaragazaga ko urubyiruko rw'uyu munsi rukwiriye kugira uruhare rutaziguye mu bikorwa byo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside mu rwego rwo gutegura ejo hazaza heza hazira ingengabitekerezo ya jenoside.

Prof Antoine Nyagahe, umwe mu barium bitabiriye ibi biganiro, yashishikarije urubyiruko kwandika ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu rwego rwo kuvuga ukuri kuri yo no kunyomoza abagoreka amateka.

Dr Rwandema wasoje iki kiganmiro, yashimiye CNLG ku kiganiro ndetse n'ibitabo bahawe . Yavuze ko iki kiganiro cyateguriye abacyitabiriye kwitegura neza igihe cyo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi cyegereje. Uretse muri Kaminuza ya Gitwe, ibiganiro nk'ibi byatanzwe no mu mashuri yisumbuye hirya no hino mu gihugu.

Itegurwa rya Jenoside muri Ruhengeri: Gutanga imbunda mu mitwe yitwara gisirikare no mu baturage

Abanyarwanda mu rugendo rwo kwibuka (Walk to Remember) Jenoside yakorewe Abatutsi. Gutanga imbunda ku mitwe yitwara gisirikare no kubasivili ni kimwe mu bikorwa byabanjirije ishyirwa mu bikorwa ryayo

Nk'uko bigaragazwa mu bushakashatsi bwakozwe na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari perefegitura ya Ruhengeri, nyuma yo guhabwa imyitozo, abatojwe mu mitwe yitwaraga gisirikare bagombaga no guhabwa intwaro.

Igitekerezo cyo gutanga intwaro mu baturage cyemejwe mu nama yo kuwa 9 Nyakanga 1991 yabereye muri Etat Major y'ingabo iyobowe na Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika ushinzwe Umutekano Jenerali Ndindirimana Augustin.

Iyi nama ikaba yari ihuje abayobozi b'inzego z'iperereza za gisirikare n'izo muri Perezidansi. Iyo nama yitabiriwe na Liutenant Colonel Rutayisire Laurent wari Umuyobozi Mukuru wa Serivisi y'Iperereza (G2) muri Jendarumeri y'Igihugu; Lieutenant Colonel BEM Rwabarinde Ephrem wari Umukuru wa G3 (ushinzwe ibikorwa) mu ngabo z'u Rwanda; Commandant gendarme Karangwa Pierre Claver wari umukuru w'iperereza rusange muri Jendarumeri; Munyaneza Justin na Ndangamire Ephrem bari abakozi mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe iperereza. Umwanditsi w'inama yari Lieutenant Ingenieur Rutakamize Gregoire.

Nk'uko bigaragara mu nyandikomvugo y'inama yo kuwa 9 Nyakanga 1991, icyari kigamijwe kwari ugusuzuma ishyirwa mu bikorwa ryihuse ry'icyifuzo cyari cyatanzwe na Perezida wa Repubulika ku birebana n'umutekano w'Igihugu aho yari yavuze ko « Abaturage bagomba guhabwa ibikoresho

biboneye kandi bihagije byo kurwana ku busugire bw'Igihugu ku buryo nta muntu uzongera gutinyuka gutera Igihugu mu bihe biri imbere ».

Iyo nama yemeje ko uburyo bwo gushyira mu bikorwa icyo cyifuzo buhari kuko abantu babafite, kandi igice kinini cy'abaturage kikaba kigizwe n'urubyiruko (Bizimana Jean Damascène, 2014, Paji 217-218).

Ni muri urwo rwego, abayobozi ba gisivili n'aba gisirikare bahaye urubyiruko rwahyizwe mu mitwe yitwara gisirikare intwaro zirimo imbunda, grenades n'intwaro gakondo; akaba aribyo byifashijwe mu kurimbura Abatutsi muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ibi bishimangirwa n'ijambo Perezida Habyarimana Juvénal yavugiye mu Ruhengeri mu nama yo kuwa 15 Ugushyingo 1992, aho yumvikanishije ko Interahamwe za MRND zigomba guhabwa ibikoresho kugira ngo igihe nikigera zizamanuke. Kandi koko Interahamwe zamanukiye kwica Abatutsi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Gutanga imbunda mu basivile ni igikorwa cyari gikuriwe n'ubuyobozi bwa gisirikare. Nk'uko bigaragara mu nyandikomvugo y'inama y'umutekano ya Perefegitura Ruhengeri yateranye kuwa 15 Gicurasi 1992; inama yahuje abagize komite ya Perefegitura Ruhengeri ishinzwe umutekano, ba Superefe na ba Burugumesitiri bo muri iyo Perefegitura, ikibazo cyo gutanga imbunda mu baturage kiri mu byizwe kinafatirwa umwanzuro.
Muri iyo nama, habajijwe imbunda zemerewe ba Superefe na ba Burugumesitiri nyuma y'amahugurwa babonye.

Hasobanuwe ko abahawe imbunda ari abo muri Komini Kinigi, Nkumba na Kidaho ko abo muri Komini Butaro batarazihabwa kubera ko barangije amahugurwa vuba.

Bahise basaba Comandant OPS Ruhengeri (Umuyobozi wari ushinzwe ibikorwa bya gisirikare mu gace ka Ruhengeri) guha Komini Butaro imbunda zayo kugira ngo barebe izisigaye.

Inama yakomeje yanzura ko hagomba no kwakwa izindi kugirango amahugurwa y'abaturage akomeze. Havugwa ko imbunda niziboneka Amakomini azakurikiraho yari Kigombe na Cyeru, nyuma Mukingo na Nkuli.

Inama yemeje kandi ko abagize inama ya Perefegitura ishinzwe umutekano nabo bagomba guhabwa imyitozo (Inyandikomvugo y'inama y'umutekano ya Perefegitura Ruhengeri yateranye kuwa 15 Gicurasi 1992, urupapuro rwa 3).

Iyo nyandikomvugo Perefe wa Perefegitura ya Ruhengeri Dr Nzabagerageza Charles yayoherereje Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini nk'uko bigaragazwa n'ibaruwa Confidentiel No 023/04.09.01/16 yo kuwa 23/5/1992.

Rwanda Remembers

@RwandaRemembers

CNLG Rwanda

CNLG Rwanda

www.cnlg.gov.rw

Abanyeshuri bo muri Kaminuza ya Huron muri Kanada basuye CNLG

Abanyeshuri bo muri Kaminuza ya Huron n'abarimu bari babaherekeje bakurikira ikiganiro

Kuwa kabiri tariki 19 Gashyantare 2019, abanyeshuri 17 bo muri Huron University College, University of Western Ontario muri kanada, baherekejwe n'abarimu babo babiri basuye Komisiyo y'igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG).

Aba banyeshuri baje mu rwego rwo gusobanurirwa byimbitse intambwe u rwanda rwateye mu bijyanye no kwiyubaka, ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'imbogamizi rwahuye na zo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Bakiriwe na Dr Gasanabo Jean-Damascène, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Ubushakashatsi n'Ububikoshakiro muri CNLG wabahaye ikiganiro ndetse n'umwanya wo kubaza ibibazo.

Yatangiye ikiganiro asobanurira inshingano, intego, icyerekezo, imiterere n'imikorere bya CNLG yibanda cyane cyane ku bikorwa byo kwibuka, ubuvugizi ku bacitse ku icumu, ubushakashatsi n'ububikoshakiro kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda. Nk'uko uyu mwaka Abanyarwanda bitegura kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi, abab banyeshuri babashije gusobanukirwa byinshi ku birebana no kwibuka, n'uruhare rwabyo mu komora ibikomere, ubumwe n'ubwiyunge ko kongera kubaka umuryango nyuma ya Jenoside.

Banasobanukiwe kandi uruhare rwo kwigisha abato n'abakuru mu rwego rwo kwirinda ko ibyabaye byakongera kubaho ukundi, haba mu Rwanda ndetse no mu mahanga.

Aba banyeshuri kandi bari bafite amatsiko yo kumenya itandukaniro hagati yo guhakana jenoside ndetse n'ingengabitekerezo ya jenoside n'uko u Rwanda rurwanya ibyo byombi.

Dr. Gasanabo yabasobanuriye icyo jenoside ari cyo, uko itegurwa n'uko ikorwa anabihuza na Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda . Yabasobanuriye amateka yaranze u Rwanda mbere na nyuma y'abakoloni yibanda cyane cyane ku ntego ya "mbatanye mbategeke" y'Ababiligi ndetse no kumvisha Abanyarwanda ko bakomotse ahantu hamatandukanye (théorie hamitique) byifashishijwe mu guha ishingiro Jenoside.

Yibukije ko mbere y'abakoloni Abahutu, Abatwa n'Abatutsi bose bari basangiye ururimi rumwe, imyemerere imwe, Igihugu kimwe, umuco umwe, ko ariko amacakubiri babibwemo n'Ababiligi ndetse n'ikarita ndangamuntu bazanye byatumye bumva ko batandukanye.

Dr. Gasanab yasobanuye ko mu 1959 aribwo hatangiye itotezwa ry'Abatutsi aho benshi muri bo batangiye kuba impunzi. Yasobanuye uko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe ndetse n'uburyo bwifashishije mu kubiba urwango ku Batutsi burimo imbwo rwaruhame z'abategetsi ndetse na radiyo RTLM.

Yasobanuye kandi uko abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi bakomeje kuyihakana, kuyipfobya no gukwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside. Aha, yagaragaje yifashishije ingero uko ingengabitekerezo ya jenoside yigaragaza muri iyi minsi haba mu Rwanda ndetse no mu mahanga.

CNLG kandi ifite inshingano zo kubika ibimenyetso bya Jenoside harimo n'imibiri y'abazize Jenoside.

Dr Gasanabo yasobanuye ko kuri ubu hari umushinga CNLG irimo gukora ku bufatanye na Kaminuza ya Hamburg mu Budage wo kubika ku buryo burambye imibiri mu rwibutso rwa Murambi.

Yavuze ko kuri ubu imibiri 20 (11 y'abantu bakuru, 9 y'abana) irimo gutunganywa kugira ngo ibikwe ku buryo burambye. Yanagarutse kandi ku mushinga wo kubika imyenda yari yambawe n'abiciwe mu rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata irimo kubungabungwa no kubikwa ku buryo burambye kubufatanye na Kaminuza ya Pennsylvania.

Yagarutse kandi kuri zimwe mu Ngamba zafashwe mu rwego rwo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi zirimo gushyiraho inzibutso za Jenoside zigaragaza uko Jenoside yakorewe Abatutsi yakozwe n'ubugome yakorannwe, gushyiraho amategeko ahana ibi byaha, gukorera ubuvugizi abacitse ku icumu no kwigisha abanyarwanda bose.

Yanagarutse kandi ku kamaro k'Inkiko Gacaca mu gukemura ibibazo birebana n'ubutabera no kugarura ubumwe mu Banyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi .

Yavuze ko inyandiko z'imanza za Gacaca zirimo kubikwa kuburyo bw'ikoranabuhanga kugira ngo zizifashishwe mu burezi no mu bushakashatsi.

Commission National de Lutte contre le Génocide (CNLG)

BP: 7035 Kigali
Website:www.cnlg.gov.rw Email: administrator@cnlg.gov.rw
Twitter: @RwandaRemembers
Facebook: RwandaRemembers
Flickr: CNLG Rwanda
YouTube: CNLG Rwanda

Abanyeshuri bo muri Kayonza Community Integrated Polytechnic basabwe kubera abandi urugero mu kwitabira ibikorwa byo kwibuka

Abanyeshuri bo muri Kayonza CIP bakurikira ikiganiro

Abanyeshuri bo mu ishuri rikuru ry'ubumenyingiro, Kayonza Community Integrated Polytechnic basabwe kubera abandi urugero rwiza bitabira ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ibi babisabwe na Hilary Musabyimana, umukozi ushinzwe ibijyane no kwandika abanyeshuri muri iki kigo ubwo yatangizaga ikiganiro ku kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside. Ikiganiro cyatanzwe na Ayinkamiye Benoite, Umukozi ushinzwe gahunda z'uburezi no gukumira jenoside muri Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) kuwa gatandatu tariki 16 Gashyantare 2019.

Muri iki kiganiro, Ayinkamiye yibanze ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, uko yateguwe, uko yashyizwe mu bikorwa, ingaruka zayo ndetse n'uko abayiteguye n'abayikoze bakomeje kuyihakana no kuyipfobya ari nako bakwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside.

Yashyikirije kandi ubuyobozi bw'iyi Kaminuza kopi 25 z'igitabo "Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda" cyanditswe na Dr Bizimana Jean-Damascène, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG.

Mu mwanya wo kubaza ibibazo, baba abanyeshuri ndetse n'abarimu bagarutse ku ruhare rw'urubyiruko mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside. Bagaragaje ko urubyiruko rw'uyu munsi rukwiriye kugira uruhare rutaziguye mu bikorwa byo kuyirwanya mu rwego rwo gutegura ejo hazaza heza hazira ingengabitekerezo ya jenoside.

Usibye muri Kayonza Community Integrated Polytechnic, ibiganiro nk'ibi byahawe abanyeshuri mu bigo by'amashuri yisumbuye birimo Groupe Scolaire Rambura (garçon) Mu Karere ka Nyabihu, Groupe Scolaire Remera mu Karere ka Kamonyi, TTC Kabarore na Groupe Scolaire Nyabikiri mu Karere ka Gatsibo, Groupe Scolaire Muyongwe mu Karere ka Gakenke t, Ecole Technique Sainte Trinité mu Karere ka Ruhango, Groupe Scolaire Notre dame de Paix Cyanika na TVET Cyanika mu Karere ka Nyamagabe .

Mu gihe Abanyarwanda bitegura kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi, uyu mwaka Igihugu cyahisemo kwibanda ku rubyiruko kugira ngo rugire uruhare mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi. Kuri iyi ncuro, kwibuka bizagendera ku nsanganyamatsiko : Kwibuka Twiyubaka (Remember-Unite-Renew).

Intwza zasabye urubyirujko kurinda ibyo Igihugu cyagezeho

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG, Dr Bizimana Jean-Damascène ari kumwe n'Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Huye ushinzwe imibereho myiza KANKESHA Annonciata, mu gikorwa cyo gutera ibiti by'imbuto mu rugo rw'Intwaza mu Karere ka Huye

Ababyeyi bagizwe incike na Jenoside yakorewe Abatutsi bazwi nk' "Intwaza"basabye urubyiruko gukora cyane ruharanira kwigira, kurinda ibyo Igihugu cyagezeho mu myaka 25 ishize ndetse no guharanira kubaka u Rwanda buri wese yibonamo.

Ubu ni ubutumwa bahaye urubyiruko ruturutse hirya no hino mu gihugu kuwa gatandatu tariki 16 Gashyantare 2018, ubwo rwasuraga aba babyeyi mu nzu y'amasaziro batujwemo izwi nka "Impinganzima" mu Karere ka Nyanza.

Ibikorwa byo gusura aba babyeyi byanabereye kandi ku Impinganzima zo mu Turere twa Bugesera na Huye aho uru rubyiruko rwaganiraga n'aba babyeyi rukanabakorera imirimo itandukanye irimo kubaka uturima tw'igikoni, gutera ibiti by'imbuto, gukora isuku n'ibindi.

Ni ibikorwa biri muri gahunda y'imyiteguro yo kwibuka ku nshuro y a25 Jenoside yakorewe Abatutsi. Aba babyeyi basangije urubyiruko amateka banyuzemo ya Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse banahanura urubyiruko uko rugamba kwitwara mu rwego rwo kurwanya amacakubiri no guharanira ko ibyabaye bitazongera kubaho ukundi.

Komeza ku rupapuro 10

Ephaste Ndekezi, umwe mu Intwaza zo mu Impinganzima ya Nyanza, yasobanuriye urubyiruko ko amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside byatangiye mbere ya 1994 ubwo bamwe bameneshejwe mu gihugu abasigaye bagatotezwa bazira gusa ko ari Abatutsi.

Yagize ati "Twahuye n'amacakubiri kuri Repubulika ya mbere ubwo Abatutsi benshi bahungaga Igihugu kubera gutotezwa. Abasigaye mu gihugu babayeho mu bihe bikomeye birimo no gukorerwa ivangura mu mashuri, mu kazi n'ibindi.

Ay amateka mabi yagombye kubera isomo urubyiruko rw'uyu munsi mugaharanira ko ibyabaye bitakongera kuba ukundi ndetse mukanarinda ibyagezweho mu kubaka Igihugu nyuma ya Jenoside ".

Yabwiye urubyiruko ko mu gihe butegetsi bwa cyera bwigishaga ingengabitekerezo ya jenoside rwo rwari rukwiye kwita ku cyerekezo cyiza cy'ubuyobozi Igihugu gifite cy'uburezi budaheza, gukunda umurimo, guharanira kwigira, kubaka Igihugu no kugitegurira ejo hazaza heza.

Yagize ati"Twishimiye kuba

Dr Bizimana acinya akadiho n'Intwaza zo mu Impinganzima ya Huye

" Ni umwanya mwiza wo kugira ngo urubyiruko rwigire kumateka, ruyasigasire no kurinda ubusugire bw'Iguhugu kugira ngo rwubake amahoro, urukundo , ubutabera; rwubake u Rwanda ruzira Jenoside kandi ruzira urwango n'amacakubiri. Ni iyo mpanuro ruhavana kugira ngo ruzakomeze kubaka u Rwanda rufite amahoro arambye ", Dr Bizimana

hari urubyiruko rwaje kumva ibyo twanyuzemo. Twabanaga neza mu bumwe ariko amahano yagwiriye iki gihugu ubwo umuryango nyarwanda wacitsemo ibice bikarinda bigera kuri Jenoside. Dufite Icyizere ko ibyo bitazongera kubaho ukundi kubera ko urubyiruko rw'uyu munsi rugendera ku ndangagaciro z'ubumwe n'ubwiyunge ".

Melania Mukarugomwa we yasabye urubyiruko gufatira urugero ku babohoye Igihugu.

Yagize ati "Intwari ziyobowe na Perezida Kagame zaratubohoye kandi ni na zo zatwubakiye aya macumbi meza. Tuba hamwe kandi tugahabwa ubufasha bwa ngombwa

Komeza ku rupapuro rwa 11

ducyenera. Turifuza ko urubyiruko rwaba Intwari rukaba ibisubizo ku bibazo biri mu muryango ” .

Yasabye urubyiruko kwirinda abashaka kuyobya Abanyarwanda mu byasenya ibyagezweho.

Usanase Grace, umwe mubari bahagarariye urubyiruko yavuze ko yakiriye neza impanuro yahawe n’aba babyei kandi ko azahora azizirikana akanubahiriza indangagaciro ziboneye mu rwego rwo guharanira kubaka Igihugu cyuje Amahoro.
Yagize ati “Intwaza zizi byinshi kuturusha. Turacyakeneye kwigira ku mateka kugira ngo tumenye uko twubaka ejo hazaza ” .
Uwiringiyimana Violette, umwe mu rubyiruko rwari rwasuye aba babyeyi yavuze ko bikwiriye kugeza impanuro bahawe ku rundi rubyiruko rutabashije kuganira n’aba babyeyi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y’Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) ,Dr.Bizimana Jean-Damascène wari umushyitsi mukuru mu

Urubyiruko rwubka akarima k’igikoni mu Impinganzima ya Nyanza

“Intwaza zizi byinshi kuturusha. Turacyakeneye kwigira ku mateka kugira ngo tumenye uko twubaka ejo hazaza”, Usanase Grace, umwe mubari bahagarariye urubyiruko rwasuye Intwaza zituye mu Impinganzima ya Nyanza tariki 16 Gashyantare 2019

Karere ka Huye, yavuze ko uru rubyiruko rwaje gukora ibikorwa 3 aribyo kubaka akarima k’igikoni, gukora amasuku mu nzu z’impinganzima no gutera ibiti, ariko nanone ukaba wari umwanya mwiza wo kugirango uru rubyiruko rwigire ku mateka kandi runiyemeze kurinda ubusugire bw’igihugu.

Ati “ wari umwanya mwiza wo kugira ngo urubyiruko rwigire kumateka, ruyasigasire no kurinda ubusugire bw’Iguhugu kugira ngo rwubake amahoro, urukundo , ubutabera; rwubake u Rwanda ruzira Jenoside kandi ruzira urwango n’amacakubiri. Ni iyo mpanuro ruhavana kugira ngo ruzakomeze kubaka u Rwanda rufite amahoro arambye .”

Abanyeshuri bo muri PIASS bashishikarijwe kugira uruhare mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi

Bamwe mu banyeshuri bo muri PIASS bakurikiye ikiganiro ku kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside

Nibura abanyeshuri 80 biga muri hahunda y'impera z'icyumweru mu ishuri ry'Abaporotesitanti ry'Ubugeni n'imbonezamubano (Protestant Institute of Arts and Social Sciences ,PIASS), ishami rya Karongi basabwe kugira uruhare mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ibi babisabwe na Ayinkamiye Benoite, umukozi ushinzwe Gahunda z'uburezi no gukumira Jenoside muri Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) ubwo yabagezagaho ikiganiro ku kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside kuwa gatandatu tariki 9 Gashyantare 2019.

Muri ibi biganiro, Ayinkamiye yasobanuye uko Abanyarwanda babanaga neza mbere y'umwaduko w'Abakoloni aho barangwaga n'ubumwe bwubakiye ku bunyarwanda buri wese yibonagamo. Aho abanyarwanda bari bakomeye ku bunyarwanda ndetse baharanira kwagura u Rwanda mu bumwe bwarangwaga no kugira icyerekezo kimwe,imyemerere imwe ndetse no gusangira indangagaciro z'ubupfura umurava no gutabarana.

Ysobanuye kandi uburyo indangagaciro z'umuco nyarwanda ndetse n'itorero ryari irerero ry'igihugu byashenywe n'abakoloni aho basenye inzego z'imiyoborere y'igihugu yari ishingiye ku bwami, imyemerere yari ishingiye ku Mana y'i Rwanda ndetse n'indangagaciro bijyanye bakazisimbuza amahame y'idini ryabo na za kirazira zari mu muco nyarwanda bakumvisha ko nta gaciro zifite babifashijwemo n'abamisiyoneri gatorika cyane cyane Abapadiri Bera.

Yanabasobanuriye kandi uko ubutegetsi bwagiyeho nyuma y'ubwigenge bw'igihugu bwakomereje mu murongo wa politiki y'amacakubiri n'ivangura yashyizweho n'abakoloni. Aho muri Repubulika ya mbere n'iya kabiri Abatutsi bakomeje gutotezwa no guhezwa haba mu mashuri, mu mirimo n'ubundi buzima bw'igihugu ndetse abandi bakicwa kugeza muri Jenoside yo mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni imwe mu minsi 100 gusa.

Yashyikirije ubuyobozi bw'iyi Kaminuza, ishami rya Karongi, kopi 10 z'igitabo "Inzira ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda" cyanditswe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG, Dr Bizimana Jean-Damascène.

Nyuma y'ikiganiro abanyeshuri bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo kugira ngo barusheho gusobanukirwa.

Umuhuzabikorwa w'iyi Kaminuza, ishami rya Karongi, Ntakirutimana Edouard yashimiye CNLG kubw'ikiganiro bahawe avuga ko kibategura kwinjira neza mu gihe tugiye kwinjiramo cyo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi. Yavuze ko ibyo bigeye muri iki kiganiro bazabisobanurira abanyeshuri ndetse n'abaturage mu midugudu, cyane ko abenshi mu banyeshuri babo basanzwe ari abarimu mu mashuri abanza cyangwa Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari.

Abayobozi n'abakozi ba UR_CAVM basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Nyange

Bamwe mu bayobozi n'abanyeshuri ba UR_CAVM ubwo basuraga urwibutso rwa Jenoside rwa Nyange mu Karere ka Ngororero

Kuwa gatandatu tariki ya 02 Gashyantare 2019, abanyeshuri 45 bo muri Kaminuza y'u Rwanda , Koleji y'ubuhinzi n'ubuvuzi bw'amatungo (College of Agriculture and Veterinary Medicine, CAVM), ishami rya Busogo bari kumwe n'abayobozi babo bane basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Nyange mu Karere ka Ngororero.

Bari bayobowe n'umuyobozi w'ishami ry'ubutegetsi n'abakozi muri iyi Koleji, Mwendezi Bosco.
Basobanuriwe amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, by'umwihariko ku yahoze ari paruwasi Gatolika ya Nyange yaje gusenyerwa ku Batutsi basaga 2000 bari bayihungiyemo.

Basuye kandi ibice bitandukanye bigize uru rwibutso banunamira inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi zihashyinguye.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyange rwafunguwe ku itariki ya 16 Mata 1996, ruri ahahoze ari Kiliziya ya Paruwasi Gatolika ya Nyange aho Abatutsi basaga 2000 bari bahungiye muri iyo Kiliziya biciwe.

Bishwe basenyeweho iyo kiliziya ku itegeko ry'uwari Padiri mukuru wayo Athanase Seromba kuri ubu ufungiye muri gereza ya Akpro-Missérété i Porto-Novo muri Bénin nyuma y' uko urugereko rwa gatatu rw'ubujurire mu Rukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) rubonye ko uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi rukomeye, rugafata umwanzuro wo kongera igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 yari yahawe n'urugereko rwa mbere agahabwa igifungo cya burundu.

Urwibutso rwa Nyange rwashyizwe ku rwego rw'Igihugu n'Inama y'Abaminisitiri yo ku itariki ya 5 Mata 2017. Umwihariko warwo ni uko Abatutsi bari bahahungiye bagerageje kwirwanaho, hanyuma Athanase Seromba wari Padiri mukuru w'iyo Paruwasi agategeka ko isenyerwa kuri abo Batutsi bari bayihungiyemo hakoreshejwe tingatinga.

Kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi bizibanda ku rubyiruko

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG Dr Bizimana Jean-Damascène mu kiganiro n'abanyamakuru ku myiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda

Mu kiganiro n'abanyamakuru kuwagatanutariki8Gashyantare 2019, Umunyamabanga Nshiungwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG), Dr Bizimana Jean Damascene yavuze ko kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi bizakorwa hibandwa ku rubyiruko. Ikiganiro cyabereye ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi.

Cyabanjirijwe n'inama n'abahagarariye imiryango y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi aho bunguranye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG ibitekerezo ku myiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi kuhira ngo buri wese azagire uruhare mu migendekere myiza y'iki gikorwa.

Dr Bizimana yavuze ko ikigamijwe ari ukugira ngo urubyiruko rumenye neza uruhare rwabo mu mu kurinda ko igihugu cysakongera gusubira mu mateka mabi cyanyuzemo. Yibukije ko insanganyamatsiko izakomeza ariKwibuka Twiyubaka (Remember – Unite – Renew).

Yagize ati: "urubyiruko nirwo tuzitaho cyane kubera ko abanyarwanda bari munsi y'imyaka 30 basaga 60 % by'Abanyarwanda bose. Urubyiruko rwacu rerousanga batazi amateka ya Jenoside cyangwa bayiziho dukeya".

Ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi bizashingira ku bintu bine by'ingenzi birimo : kwibuka n'ubumwe n'ubwiyunge,ubutabera, kurwanya ihakana rya Jenoside no kubazwa inshingano.

Komeza ku rup 15

Dr Bizimana yavuze kokubazwa inshingano Bifite aho bihurira cyane n'urugendo rwo kwiyubaka kandi bikaba Bifite aho bihurira cyane na Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yagize ati "hari ibibazo bikigaragara kugeza uyu munsi; urugero hari ahari abacitse ku icumu batitabwaho uko bikwiriye kandi ababishinzwe bakwiriye kubibazwa".

Imyiteguro irarimbanije
Imyiteguro yo kugira ngo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi irarimbanije mu gihugu hose. Bimwe mu bikorwa biteganyijwe harimoharimo gusura ababyeyi bagizwe incike na Jenoside batujwe mu nzu z'amasaziro zizwi nka Impinganzima. Iki gikorwa kizabera mu Turere twa Huye, Bugesera na Nyanza.

Ibindi bikorwa birimo ibikorwa by'ubukangurambaga byo byatangiye. Harimo kandi icyumweru cy'ubutabera kizatuma abantu bamenya amategeko y'igihugu arebana na Jenoside ndetse n'arebana n'ubumwe bw'Abanyarwanda.

Dr Bizimana yagize ati "abahawe ibihano n'Inkiko Gacaca barangije ibihano barimo bararekurwa ndetse n'abandi benshi bari hafi kurangiza ibihano byabo bakagaruka mu muryango Nyarwanda. Ni ngombwa rero ko abantu baganira ku buryo abo bantu bazasubizwa mu Muryango Nyarwanda kandi bakabana n'abandi.

Si ikintu cyoroshye ku muntu wacitse ku icumu kubona umuntu wamumariye umuryango hanze kandi atanazi igihe uwo muntu yafunguriwe. Ibi bishobora gutera ibibazo by'ihungabana. Dukwiriye rero kubivugaho. Aba bantu bakwiriye kwitegura kubana n'abo babiciye imiryango".

Uko ibikorwa biteganijwe
Kubijyanye n'ibikorwa biteganyijwe mbere ya tariki ya 7 Mata, usibye gusura ababyeyi bagizwe incike na Jenoside,

Tariki 16 Werurwe: hazasurwa imidugudu itatu ituyemo abasirikare bamugariye ku rugamba rwo kubohora igihugu I Masaka, kinigi na Nyagatare. Aba basirikare bamugariye ku rugamba bafite umurage ukomeye ku rubyiruko rw'igihugu.

Tariki 30 Werurwe: hazakorwa umuganda wo gusukura inzibutso mu Turere twose tw'igihugu. Uzaba n'umwanya wo gushishikariza urubyiruko kwitabira ibikorwa byo kwibuka.
Tariki 3 Mata: hazabaho umwihererro w'urubyiruko ruturutse hirya no hino mu gihugu ndetse no muri diasporaaho bazahurira I Kigali bagasobanurirwa amateka y'igihugu cyabo ndetse n'uruhare rwabo mu kucyubaka.

Tariki ya 4 n'iya 5 Mata: Hazabaho inama mpuzamahanga kuri Jenoside.
Tariki ya 8 Mata: Hazabaho kumurika igice cyambere cy'umushinga w'ubusitani bw'urwibutso ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyzana, Kicukiro.
Tariki ya 9 n'iya 10: iyi minsi uko ari ibiri yahariwe kwibuka muri za Minisiteri, ibigo bya Leta n'ibyigenga. Buri rwego ruzajya ruhitamo umunsi umwe muri iyi ibiriabe ariwo bakoreraho igikorwa cyo kwibuka.

Tariki 11 Mata: Za ambasade n'imiryango mpuzamahanga ikorera I Kigali bazibukira ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi mu gitondo, nyuma ya saa sita bifatanye n'Abanyarwanda ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza, Kicukiro.

Tariki 12 Mata ni umunsi wahariwe kwibuka mu madini n'amatorero ndetse n'abandi bavuga rikijyana. Icyumweru cy'icyunamo kizasozwa tariki ***13 Mata*** hibukwa by'umwihariko abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Aho ibikorwa bizaba birimo kubera ku rwego rw'Akarere,hazabandwa cyane ku kuzirikana akamaro politiki nziza igira mu kubaka igihugu n'iterambere ryacyo.

Ibindi bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi birimo gusura inzibutso za jenoside zitandukanye hirya no hino mu gihugu zifite amateka yihariye arebana na Jenoside yakorewe Abatutsi. Iki gikorwa cyiswe "Kwibuka Tour" kizakorerwa ku nzibutso 10 hirya no hino mu gihugu kugira ngo abantu, cyane cyane urubyiruko babashe gusobanukirwa amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu duce izo nzibutso zihererereyemo.

Ku itariki ya 7 Mata, ku munsi wo gutangira icyumweru cy'icyunamo, hazashyirwa indabo ku rwibutso rwa jenoside rwa Kigali ku Gisozinyuma ibindi bikorwa bikomereze kuri Stade Amahoro. Abanyarwanda mi midugudu bazahabwa ikiganiro kijyanye no kwibuka nyuma baze no gukurikira Ijambo nyamukuru ry'umukuru w'Igihugu. Nyuma ya saa sita hazabaho urugendo rwo kwibuka ruzatangirira ku ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko rugana kuri Stade Amahoro ahazabera umugoroba wo kwibuka.

Ku makuru ajyanye ko kwibuka mwasura urubuga: www.kwibuka.rw

CNLG yakanguriye abiga mu mashuri yisumbuye kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya kane y'itegeko N° 09/2007 ryo kuwa 16/02/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG), mu nshingano z'iyi Komisiyo harimo gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo. Ni muri urwo rwego hatangwa ibiganiro ku matsinda anyuranye bigamije kubakangurira kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

Ni kubw'iyo mpamvu kuwambere tariki 4 Gashyantare 2019, bene ibi biganiro byahawe abanyeshuri basaga 255 bo mu ishuri rya EAV Rushashi mu Karere ka Gakenke,428 bo muri Groupe Scolaire Ngoma muu Karere ka Karongi ndetse na 507 bo muri Karangazi Secondary School mu Karere ka Nyagatare.

Muri ibi biganiro, basobanurirwa uko Abanyarwanda babanaga neza mbere y'umwaduko w'Abakoloni aho barangwaga n'ubumwe bwubakiye ku bunyarwanda buri wese yibonagamo. Aho abanyarwanda bari bakomeye ku bunyarwanda ndetse baharanira kwagura u Rwanda mu bumwe bwarangwaga no kugira icyerekezo kimwe,imyemerere imwe ndetse no gusangira indangagaciro z'ubupfura umurava no gutabarana.

Banasobanurirwa kandi uburyo indangagaciro z'umuco nyarwanda ndetse n'itorero ryari irerero ry'igihugu byashenywe n'abakoloni aho basenye inzego z'imiyoborere y'igihugu yari ishingiye ku bwami, imyemerere yari ishingiye ku Mana y'i Rwanda ndetse n'indangagaciro bijyanye bakazisimbuza amahame y'idini ryabo na za kirazira zari mu muco nyarwanda bakumvisha ko nta gaciro zifite babifashijwemo n'abamisiyoneri gatorika cyane cyane Abapadiri Bera.

Ibi biganiro kandi ni umwanya mwiza ku banyeshuri wo gusobanukirwa uko ubutegetsi bwagiyeho nyuma y'ubwigenge bw'igihugu bwakomereje mu murongo wa politiki y'amacakubiri n'ivangura yashyizweho n'abakoloni. Aho muri Repubulika ya mbere n'iya kabiri Abatutsi bakomeje gutotezwa no guhezwa haba mu mashuri, mu mirimo n'ubundi buzima bw'igihugu ndetse abandi bakicwa kugeza muri Jenoside yo mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni imwe mu minsi 100 gusa.

Nyuma y'ikiganiro abanyeshuri bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo kugira ngo barusheho gusobanukirwa.

Gutegura lisiti z'Abatutsi bagomba kwicwa: kimwe mu bikorwa byabanjirije ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Ruhengeri

Umushyitsi ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi areba amafoto ya bamwe mu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi

Nk'uko bigaragazwa n'ubushakashatsi Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari perefegitura ya Ruhengeri, abayobozi mu nzego zitandukanye bagize uruhare mu gushishikariza Abahutu kwica Abatutsi, bakoresha inama zitandukanye aho bibandaga ku nyigisho zimakaza amacakubiri, ari nako hategurwa urutonde rw'abagomba kwicwa.

Nk'ukobyavugiweimberey'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR), mu rubanza ubushinjacyaha bwaregagamo Juvénal Kajelijeli, umutangabuhamya wahawe inyito ya GAP yavuze ko yibuka inama ebyiri zabereye muri Komini Mukingo zigategurirwamo amalisiti yariho amazina y'Abatutsi bagombaga kwicwa.
Yabisobanuye muri aya magambo "Juvénal Kajelijeli yatumije inama ya mbere yabaye mu Ukwakira cyangwa Ugushyingo 1990. Abayobozi ba Segiteri zose bayitumiwemo".

GAP avuga ko inama iba yari ahagaze ku rugi rw'icyumba yaberagamo, bityo akaba yarabashaga kumva ibyayivugirwagamo.

Yagize ati "abayobozi bari muri iyo nama bateguye urutonde rw'amazina y'abantu bagomba gushakishwa bagafatwa, barimo Gasahane, Kaderevu, Kabango, Segahwege, Rudatinya, Bukumba, Biniga, Sabini, Mutanguha, Ndayambaje, Gihoza, Karyango, Bahiza, Bernard, Kabanda na Ngango".

Nyuma y'inama, Abatutsi bari kuri urwo rutonde barafashwe ariko baje kurekurwa.

Nyuma y'inama kandi Abakonseye b'amasegiteri anyuranye bari bayitabiriye na bo bahamagaje abayobozi b'amaserire maze babamenyesha ko bagomba gushakisha Abatutsi bose bize bo muri Serire zabo.

Ubwo intambara yuburaga mu mwaka wa 1991, habaye inama ya kabiri muri Mutarama cyangwa Gashyantare 1991. Nyuma y'inama ba bantu bavuzwe haruguru bongeye gufatwa baricwa.
Yakomeje asobanura

ko “Muri izo nama, abantu bakomeye barimo Kajelijeli na Minisitiri Joseph Nzirorera bagiye bafata amagambo bagashishikariza abazitabiriye, biganjemo abayoboke ba MRND n’abaturageb’Abahutu, kugaba ibitero ku Batutsi no kubatsembatsemba”.

Umutangabuhamya muri ubu bushakashatsi ukomoka mu yahoze ari Komini Kigombe yashimangiye ko Depité Munyaruyenzi Télésphore yashishikaye cyane mu kunoza urutonde rw’Abatutsi bagomba kwicwa.

Nyuma yo kunoza urutonde, rwahitaga rushyikirizwa inzego z’ubuyobozi za gisivili na gisirikare, kugira ngo umugambi wo kwica Abatutsi uzorohere Interahamwe.

Si mu yahoze ari perefegitura ya Ruhengeri honyine hateguwe amalisiti y’Abatutsi bagombaga kwicwa kuko ari igikorwa cyakozwe hirya no hino mu gihugu bikaba byari biri mu mugambi mubisha wo gutsemba Abatutsi.
Back

CNLG yasobanuriye urubyiruko akamaro ko kwibuka nk’imwe mu ntwaro zo guhangana n’ingengabitekerzo ya jenoside

Kwa kabiri tariki 5 Gashyantare 2019, umuhuzabikorwa wa Komisiyo y’Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) mu Turere twa Kicukiro na Bugesera yahaye urubyiruko rugera ku 137 ikiganiro ku kamaro ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi nk’imwe mu ntwaro zo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside.

Ur urubyiruko rwaturutse mu Turere twa Nyarugenge na Kicukiro ruhurira muri Centre Christus I Remera. Ni Gahunda yateguwe n’umuryango Hope and Peace Foundation, umuryango Nyarwanda utari uwa leta wibanda cyane cyane mu guhangana n’ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi.

Uyu muryango uhuza urubyiruko rwarokotse cyangwa rukomoka mu miryango yarokotse Jenoside, urubyiruko rukomoka mu miryango yagize uruhare muri Jenoside, urubyiruko rwavutse ku gufatwa ku ngufu kw’abagore n’abakobwa muri Jenoside ndetse n’abagore n’abakobwa bafashwe ku ngufu muri Jenoside.

Muri iki kiganiro, uru rubyiruko rwanasobanuriwe icyo ingengabitekerezo ya jenoside ari cyo .

Ingingo ya kane y’itegeko Nº 59/2018 ryo ku wa 22/8/2018 Itegeko ryerekeranye n’icyaha cy’ingengabitekerezo ya jenoside n’ibyaha bifitanye isano na yo igargaza ko Umuntu ukorera mu ruhame igikorwa, byaba mu magambo, mu nyandiko, mu mashusho cyangwa ku bundi buryo, kigaragaza imitekerereze yimakaza cyangwa ishyigikira kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo bahuriye ku bwenegihugu, ubwoko, ibara ry’uruhu cyangwa ku idini aba akoze icyaha.

Nyuma y’ibiganiro uru rubyiruko rwahawe umwanya wo kubaza no Gutanga ibitekerezo kugira ngo rurusheho gusobanukirwa.

Honorine Uwababyeyi, Umuyobozi mukuru w’umuryango Hope and Peace Foundation wateguye ibi biganiro , yashimiye CNLG kubufatanye bwiza anasaba ko yajya ikomeza gutanga ibiganiro cyane cyane mu rubyiruko harimo biriya byiciro bine navuze.

Urubyiruko rwo mu Ntara y'Amajyepfo rwanenze bagenzi babo bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi

Bamwe mu rubyiruko rwo mu Ntara y'Amajyepfo bunamira Abatutsi bazize Jenoside basaga 250000 bashyinguye ku rwibutso rwa jenoside rwa Kigali ku Gisozi

Nyuma yo gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi ndetse n'Ingoro y'Amateka y'urugamba rwo guhagarika Jenoside, kuwa kane tariki 21 Gashyantare 2019,urubyiruko rugera kuri 600 rwaturutse mu Ntara y'Amajyepfo rwanenze abari urubyiruko bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 banashima urundi rwayihagaritse.

Biyemeje guharanira ko itazongera kuba ukundi.

Ni muri Gahundaya "Rubyiruko Menya Amateka yawe" yateguwe na Minisiteri y'Urubyiruko n'abandi bafatanyabikorwa.

Nyumayo gusura ibice bitandukanye bigize urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, uru rubyiruko rwunamiye Abatutsi basaga 250000 bazize Jenoside bashyinguye muri uru rwibutso. Nyuma bakomereje mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda aho basuye ibice bitandukanye bigize Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside.

Nyuma yo gusura aha hombi, uru rubyiruko rwahawe rwakomereje mu kigo cy'urubyiruko cya Kimisagara aho rwaganirijwe n'abayobozi batandukanye barimo Jenerali James Kabarebe, Minisitiri w'Ububyiruko Rosemarry Mbabazi na Ntagengwa Vital wari uhagarariye Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside.

Jenerali James Kabarebe yabwiye uru urubyiruko ko bakwiye kwishimira ko bafite Umukuru w'Igihugu wita ku banyarwanda bose, bakaba bakwiye kumwigiraho uko agenda avuga igihugu cye, ashakira ibyiza abaturage bose.

Ati "Iyo agiye hanze y'igihugu ntiyivuga avuga u Rwanda, ntabwo ari abayobozi benshi bateye gutyo, abenshi mu bayobozi bo muri Afurika iyo bagiye hanze bajya kwisabira, usanga bajya kwishakira uko bazabaho nyuma y'ubutegetsi bwabo, ariko Kagame buri rugendo agize hanze ajyayo asabira, avuganira, abanira igihugu cy'u Rwanda namwe mwese, ni urwo rugero mwese mukwiye gukurikiza."

Muri iyi Gahunda, urubyiruko 2496 baturutse mu Mirenge yose uko ari 416 bazasura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ku Gisozi n'Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside ndetse banasobanurirwe amateka arebana nabyo.

Cameron yashimangiye ubushake bw'u Bwongereza mu gukurikirana abanyarwanda bakekwaho Jenoside

Lindy Cameron , Umuyobozi ushinzwe gahunda z'ibihugu muri DFID yashimangiye ko ubwongereza bufite ubushake mu gukurikirana abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi

Lindy Cameron , Umuyobozi ushinzwe Gahunda z'ibihugu mu kigega cy'Abongereza gishinzwe iterambere mpuzamahanga DFID, wari mu Rwanda, yavuze ko igihugu cye cyohereje mu Rwanda, abagenzacyaha bo gukora iperereza ku ruhare rw'abanyarwanda batanu bari mu Bwongereza.

Hashize imyaka irenga 12 u Rwanda rusabye u Bwongereza ko Emmanuel Nteziryayo, Vincent Brown (Bajinya), Charles Munyaneza, Célestin Mutabaruka na Célestin Ugirashebuja bazanwa mu Rwanda bakaburanishwa ku byaha bya Jenoside bakekwaho.
Gusa nyuma yo kubona ko hashize igihe u Bwongereza bwaranze kubohereza, mu 2017 u Rwanda rwasabye icyo gihugu kubaburanisha.
Lindy Cameron, kuri uyu wa Gatatu yasuye urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi, yunamira inzirakarengane zihashyinguye, avuga ko ibyabaye bidakwiye kongera kuba ukundi.

Yagarutse ku banyarwanda batanu bakekwaho Jenoside agira ati "Icyo nababwira ni uko dufata mu buryo bukomeye ubusabe bwa leta y'u Rwanda bwo gukora iperereza ku banyarwanda batanu bashinjwa kugira uruhare muri Jenoside. Abashinzwe iperereza mu Bwongereza baje hano mu Rwanda kandi icyo navuga ni uko u Bwongereza bufata ubu busabe nk'ikintu gikomeye, niyo mpamvu tugomba kubikurikirana."
Cameron yongeye kuvuga ko ashima uruhare rw'u Bwongereza mu gushiyigikira Umuryango Mpuzamahanga utegamiye kuri leta, Aegis Trust, ugamije kurwanya Jenoside no kwita ku nzibutso, mu gusigasira amateka y'ibyabaye mu Rwanda no kwigisha abakiri bato n'abakuru, kujya bagirana ibiganiro kugira ngo ibyabaye bitazongera kuba ukundi.

Yavuze kandi ko ubufatanye buri hagati ya leta y'u Rwanda n'u Bwongereza, bujyanye no kurwanya ubukene bwatumye abanyarwanda barenga miliyoni ebyiri bava mu bukene.

Design and Layout by Théogène Nsengimana